

ITEGEKO N° 02/2017 RYO KU WA 18/02/2017
RISHYIRAHU IKIGO CY'U RWANDA
GISHINZWE IKORANABUHANGA MU
ITUMANAHU N'ISAKAZABUMENYI
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°02/2017 OF 18/02/2017
ESTABLISHING RWANDA INFORMATION
SOCIETY AUTHORITY AND
DETERMINING ITS MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°02/2017 DU 18/02/2017 PORTANT
CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS
POUR LA SOCIETE DE L'INFORMATION
ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON
ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

Article 2: Legal personality and autonomy

Article 2: Personnalité juridique et autonomie

Ingingo ya 3: icyiciro RISA ihereyemo

Article 3: Category of RISA

Article 3: Catégorie de RISA

Ingingo ya 4: icyicaro cya RISA

Article 4: Head office of RISA

Article 4: Siège de RISA

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RISA

CHAPTER II: MISSION OF RISA

CHAPITRE II: MISSIONS DE RISA

Ingingo ya 5: Inshingano za RISA

Article 5: Mission of RISA

Article 5: Missions de RISA

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA
RISA N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO**

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY
OF RISA AND PERFORMANCE
CONTRACT**

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE
RISA ET CONTRAT DE PERFORMANCE**

Ingingo ya 6: Urwego rureberera RISA

Article 6: Supervising authority of RISA

Article 6: Organe de tutelle de RISA

Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo

Article 7: Performance contract

Article 7: Contrat de performance

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RISA	CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RISA	CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RISA
<u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z'ubuyobozi za RISA	<u>Article 8:</u> Management organs of RISA	<u>Article 8:</u> Organes de direction de RISA
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi	<u>Section One:</u> Board of Directors	<u>Section première:</u> Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RISA	<u>Article 9:</u> Members of the Board of Directors of RISA	<u>Article 9:</u> Membres du Conseil d'Administration de RISA
<u>Ingingo ya 10:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 10:</u> Powers of the Board of Directors	<u>Article 10:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Attributions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 14:</u> Incompatibilities with membership to the Board of Directors	<u>Article 14:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 15:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 15:</u> Reasons for loss of membership to the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 15:</u> Causes de perte de qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 16:</u> Convening and holding of the meeting of the Board of Directors and decision making	<u>Article 16:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et prise de décisions
<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person in the meetings of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration

<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in matters under consideration	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans des questions à l'examen
<u>Ingingo ya 21:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 21:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 21:</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 22:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA	<u>Article 22:</u> Members of the Executive Organ of RISA	<u>Article 22:</u> Membres de l'Organe Exécutif de RISA
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 23:</u> Responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 23:</u> Attributions de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 24:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RISA	<u>Article 24:</u> Powers and responsibilities of the Chief Executive Officer of RISA	<u>Article 24:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général en Chef de RISA
<u>Ingingo ya 25:</u> Sitati igenga abakozi ba RISA	<u>Article 25:</u> Statutes governing staff of RISA	<u>Article 25:</u> Statut régissant le personnel de RISA
<u>Ingingo ya 26:</u> Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA	<u>Article 26:</u> Salary and other fringe benefits for members of the Executive Organ of RISA	<u>Article 26:</u> Salaire et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de RISA
<u>Ingingo ya 27:</u> Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za RISA	<u>Article 27:</u> Structure and functioning of the organs of RISA	<u>Article 27:</u> Structure et fonctionnement des organes de RISA
<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES

<u>Ingingo ya 28:</u> Umutungo wa RISA n'inkomoko yawo	<u>Article 28:</u> Property of RISA and its source	<u>Article 28:</u> Patrimoine de RISA et sa source
<u>Ingingo ya 29:</u> Ingengo y'imari ya RISA	<u>Article 29:</u> Budget of RISA	<u>Article 29:</u> Budget de RISA
<u>Ingingo ya 30:</u> Imikoreshereze n'imigenzurire y'umutungo wa RISA	<u>Article 30:</u> Use and audit of the property of RISA	<u>Article 30:</u> Utilisation et audit du patrimoine de RISA
<u>Ingingo ya 31:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari	<u>Article 31:</u> Annual financial statements	<u>Article 31:</u> Rapport annuel des états financiers
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 32:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 32:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 32:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo 33:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 33:</u> Repealing provision	<u>Article 33:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 34:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 34:</u> Commencement	<u>Article 34:</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°02/2017 RYO KU WA 18/02/2017
RISHYIRAHU IKIGO CY’U RWANDA
GISHINZWE IKORANABUHANGA MU
ITUMANAHU N’ISAKAZABUMENYI
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE
N’IMIKORERE BYACYO**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI
YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 5
Mutarama 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane
cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88,
iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya
139, iya 165 n’iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku
wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga
ibigo bya Leta;

YEMEJE:

**LAW N°02/2017 OF 18/02/2017
ESTABLISHING RWANDA INFORMATION
SOCIETY AUTHORITY AND
DETERMINING ITS MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 5
January 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120,
139, 165 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of
20/04/2016 establishing general provisions
governing public institutions;

ADOPTS:

**LOI N°02/2017 DU 18/02/2017 PORTANT
CREATION DE L’OFFICE RWANDAIS
POUR LA SOCIETE DE L’INFORMATION
ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON
ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 5 janvier
2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de
2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles
64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165
et 176;

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du
20/04/2016 portant dispositions générales régissant
les établissements publics;

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi cyitwa "RISA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes Rwanda Information Society Authority, abbreviated as "RISA". It also determines its mission, organisation and functioning.

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office Rwandais pour la Société de l'Information, « RISA » en sigle Anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

RISA ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo, icungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 2: Legal personality and autonomy

RISA has legal personality, enjoys administrative and financial autonomy and is managed in accordance with relevant laws.

Article 2: Personnalité juridique et autonomie

RISA est doté d'une personnalité juridique, jouit d'une autonomie administrative et financière et est géré conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 3: Icyiciro RISA iherereyemo

RISA iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.

Article 3: Category of RISA

RISA falls under the category of non-commercial public institutions.

Article 3: Catégorie de RISA

RISA rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non commercial.

Ingingo ya 4: Icyicarwo cya RISA

Icyicarwo cya RISA kiri mu mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Article 4: Head office of RISA

The head office of RISA is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if considered necessary.

Article 4: Siège de RISA

Le siège de RISA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu sur le territoire du Rwanda en cas de besoin.

RISA ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

RISA may have branches elsewhere in the country if considered necessary in order to fulfil its mission, upon approval by a Prime Minister's Order.

Pour mieux remplir sa mission, RISA peut, en cas de besoin, établir des branches en tout autre lieu du territoire national, après approbation par arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RISA

Ingingo ya 5: Inshingano za RISA

Inshingano z'ingenzi za RISA ni izi zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa politiki na porogaramu z'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho (ICT) bigamije kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho y'abaturage;
- 2° gushyira mu bikorwa ingamba zo gukwirakwiza no kugeza ku baturage mu buryo bworoshye ikoranabuhanga mu by'itangazabumenyi n'itumanaho;
- 3° kwihutisha iterambere ry'abaturage binyujijwe mu kwinjiza ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho muri gahunda z'imibereho y'abaturage n'ubukungu bw'Igihugu;
- 4° gutegura no guhuza gahunda zigamije kongera ubumenyi bukenewe mu ikoranabuhanga mu by'itangazabumenyi n'itumanaho hagamijwe kugera ku bukungu bushingiye ku bumenyi;
- 5° gushyira imbaraga muri gahunda zo guhanga udushya mu ikoranabuhanga, mu by'itangazabumenyi n'itumanaho;

CHAPTER II: MISSION OF RISA

Article 5: Mission of RISA

The main missions of RISA are as follows:

- 1° to implement national Information and Communication Technologies (ICT) policies and programs in order to fast-track socio-economic growth;
- 2° to implement strategies which expand the access and affordability of Information and Communication Technologies;
- 3° to accelerate community development through mainstreaming Information and Communication Technologies in national socio-economic sectors;
- 4° to prepare and coordinate programs that increase the required skills in the field of Information and Communication Technology in order to achieve a knowledge-based economy;
- 5° to strengthen programs on Information and Communication Technology innovation;

CHAPITRE II: MISSIONS DE RISA

Article 5: Missions de RISA

Les principales missions de RISA sont les suivantes:

- 1° mettre en œuvre des politiques et programmes nationaux sur les Technologies de l'Information et de la Communication (ICT) en vue d'accélérer la croissance socio-économique;
- 2° mettre en œuvre des stratégies visant à étendre l'accès et l'accessibilité des Technologies de l'Information et de la Communication;
- 3° encourager le développement communautaire par l'intégration des technologies de l'information et de la communication dans les secteurs socio-économiques nationaux;
- 4° préparer et coordonner les programmes qui augmentent les compétences requises en matière des Technologies de l'Information et de la Communication, afin de parvenir à l'économie basée sur la connaissance;
- 5° renforcer les programmes de l'innovation en Technologies de l'Information et de la Communication;

6° guhuza ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga yo gutanga serivisi z'ikoranabuhanga mu by'itangazabumenyi n'itumanaho;

7° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'Akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano.

6° to coordinate the implementation of projects that deliver Information and Communication Technology services;

7° to cooperate and collaborate with other regional and international institutions with a similar mission.

6° coordonner la mise en œuvre des projets qui offrent des services de Technologies de l'Information et de la Communication;

7° coopérer et collaborer avec d'autres institutions régionales et internationales ayant une mission similaire.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RISA N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RISA AND PERFORMANCE CONTRACT

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RISA ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Ingingo ya 6: Urwego rureberera RISA

Urwego rureberera RISA rugenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 6: Supervising authority of RISA

A Prime Minister's Order determines the supervising authority of RISA.

Article 6: Organe de tutelle de RISA

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RISA.

Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo

RISA ikorera ku masezerano y'imihigo. Uburyo RISA ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

Article 7: Performance contract

RISA operates on the basis of a performance contract. Relevant laws determine modalities for the conclusion and evaluation of the performance contract of RISA.

Article 7: Contrat de performance

RISA fonctionne sur base d'un contrat de performance. La législation en la matière détermine les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de RISA.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RISA

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RISA

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RISA

Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi za RISA

RISA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;

2° Urwego Nshingwabikorwa.

Article 8: Management organs of RISA

RISA is composed of the following two (2) management organs:

1° the Board of Directors;

2° the Executive Organ.

Article 8: Organes de direction de RISA

RISA est composé de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration;

2° l'Organe Exécutif.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RISA

Inama y'Ubuyobozi ya RISA igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi ya RISA bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 10: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RISA ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no gufata ibyemezo.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inshingano z'ingenzi z'Inama y'Ubuyobozi ya RISA ni izi zikurikira:

Section One: Board of Directors

Article 9: Members of the Board of Directors of RISA

The Board of Directors of RISA is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.

A Presidential Order determines the term of office of members of the Board of Directors of RISA and modalities for their replacement.

Article 10: Powers of the Board of Directors

The Board of Directors of RISA is the supreme management and decision making organ.

Article 11: Responsibilities of the Board of Directors

The main responsibilities of the Board of Directors of RISA are as follows:

Section première: Conseil d'Administration

Article 9: Membres du Conseil d'Administration de RISA

Le Conseil d'Administration de RISA est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice-Président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur la base de leur compétence et leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Un arrêté présidentiel détermine la durée du mandat des membres du Conseil d'Administration de RISA ainsi que les modalités de leur remplacement.

Article 10: Pouvoirs du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de RISA est l'organe suprême de direction et de prise de décision.

Article 11: Attributions du Conseil d'Administration

Les principales attributions du Conseil d'Administration de RISA sont les suivantes:

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

1 ° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n'Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;	1° to oversee the functioning of the Executive Organ of RISA and provide strategic guidance to the Executive Organ in fulfilment of its mandate;	1° superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif de RISA et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l'Organe Exécutif dans l'accomplissement de sa mission;
2 ° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa rya RISA hamwe na raporo zijyana nabyo;	2° to approve the strategic plan and action plan of RISA and related reports;	2° approuver le plan stratégique et les plans d'action de RISA et les rapports y relatifs;
3 ° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera RISA no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;	3° to conclude a performance contract with the supervising authority of RISA and to monitor its implementation;	3° conclure le contrat de performance avec l'organe de tutelle de RISA et s'assurer de sa mise en œuvre;
4 ° kwemeza amategako ngengamikorere ya RISA;	4° to approve the rules and regulations of RISA;	4° approuver le règlement d'ordre intérieur de RISA;
5 ° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RISA no gukurikirana ikoreshwa n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;	5° to approve the draft budget proposal of RISA and monitor the use of the budget and its execution;	5° approuver l'avant-projet de budget de RISA et assurer le suivi de l'utilisation et de l'exécution du budget;
6 ° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;	6° to approve the activity and financial reports of the previous year;	6° approuver le rapport d'activités et le rapport financier pour l'exercice précédent;
7 ° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe, iy'umwaka na raporo y'imikoreshereze y'imari ku rwego rureberera RISA;	7° to submit quarterly and annual activity reports and financial report to the supervising authority of RISA;	7° soumettre les rapports d'activités trimestriel, annuel et le rapport financier à l'organe de tutelle de RISA;
8 ° gufata ibyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za RISA;	8° to make decisions on all critical matters under the mission of RISA;	8° prendre les décisions sur tous les sujets cruciaux relevant de la mission de RISA;
9 ° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo za RISA zishyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe;	9° to approve the draft organizational structure of RISA to be determined by a Prime Minister's Order;	9° approuver le projet de la structure organisationnelle de RISA à être déterminée par arrêté du Premier Ministre;

10° gusuzuma imikorere ya RISA hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari.	10° to assess the functioning of RISA in accordance with the action plan and budget.	10° évaluer le fonctionnement de RISA en fonction du plan d'action et du budget.
<u>Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Article 12: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u>	<u>Article 12: Attributions du Président du Conseil d'Administration</u>
Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:	The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:	Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:
1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;	1° to chair the Board of Directors and coordinate its activities;	1° présider le Conseil d'Administration et coordonner ses activités;
2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;	2° to convene and chair the meetings of the Board of Directors;	2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;
3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RISA urwego ruyireberera;	3° to submit minutes of the meetings of the Board of Directors of RISA to its supervising authority;	3° soumettre les procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration de RISA à l'organe de tutelle;
4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera RISA;	4° to sign the performance contract between the Board of Directors and the supervising authority of RISA;	4° signer le contrat de performance conclu entre le Conseil d'Administration et l'organe de tutelle de RISA;
5° gushyikiriza raporo za RISA zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;	5° to submit reports of RISA adopted by the Board of Directors to relevant organs;	5° soumettre les rapports de RISA adoptés par le Conseil d'Administration aux organes compétents;
6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;	6° to follow up the implementation of decisions of the Board of Directors;	6° faire le suivi de la mise en œuvre des décisions du Conseil d'Administration;
7° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.	7° to perform any other duty as may be assigned to him/her by the Board of Directors within its responsibilities.	7° effectuer toute autre tâche qui peut lui être confiée par le Conseil d'Administration relevant de ses attributions.

Ingingo ya 13: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;
- 2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi.

Article 13: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors

The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

- 1° to assist the Chairperson and deputize him/her in case of his/ her absence;
- 2° to perform any other duty as may be assigned to him/her by the Board of Directors.

Article 13: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration

Le Vice-Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence;
- 2° effectuer toute tâche qui peut lui être confiée par le Conseil d'Administration.

Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RISA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na RISA.

Article 14: Incompatibilities with membership to the Board of Directors

Members of the Board of Directors are not allowed to perform any remunerated activity within RISA.

They are also not allowed, either individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of RISA.

Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de RISA.

Ils ne sont non plus autorisés, ni individuellement ni par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de RISA.

Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava kuri uwo mwanya iyo:

- 1 ° manda irangiye;
- 2 ° yeguye akoresheje inyandiko;

Article 15: Reasons for loss of membership to the Board of Directors and modalities for replacement

A member of the Board of Directors loses membership if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he/she resigns in writing;

Article 15: Causes de perte de qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre lorsque:

- 1° son mandat expire;
- 2° il démissionne par écrit;

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;	3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorized physicians;	3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par un comité de trois (3) médecins agréés;
4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;	5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons;	5° il s'absente dans les réunions trois (3) fois consécutives sans motifs valables;
6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;	6° he/she manifests any behaviour likely to compromise his/her dignity, that of his/her work or that of his/her position;	6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son poste;
7° abangamira inyungu za RISA;	7° he/she jeopardizes the interests of RISA;	7° il compromet les intérêts de RISA;
8° ahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	8° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;	8° il est condamné pour le crime de génocide ou pour l'idéologie du génocide;
9° atacyujuje impamvu yashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;	9° he/she no longer fulfils the requirements under which he/she was appointed;	9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé;
10° apfuye.	10° he/she dies.	10° il décède.
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza iyo manda.	Where a member of the Board of Directors leaves his/her duties before the expiration of his/her term of office, the competent authority appoints his/her substitute to complete such a term of office.	Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer ce mandat.

Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RISA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane

Mu byigwa n'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi, inama y'Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa urwego rureberera RISA.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3).

Article 16: Convening and holding of the meeting of the Board of Directors and decision making

A meeting of the Board of Directors of RISA is held once a quarter and whenever it is considered necessary upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of the Chairperson, on his/her own initiative or upon request in writing of at least by a third (1/3) of its members.

The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the meeting is held.

Items to be considered at the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.

Every quarter, the meeting of the Board of Directors must also consider financial and activity reports relating to the previous quarter and transmit it to the supervising authority of RISA.

The quorum for the meeting of the Board of Directors is two-thirds (2/3) of its members. However, if the meeting is convened for the second

Article 16: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et prise de décisions

La réunion du Conseil d'Administration de RISA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de sa propre initiative, ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.

L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.

Les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre de l'année, figurent l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, la réunion du Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre précédent et le soumettre à l'organe de tutelle de RISA.

Le quorum pour la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, quand la réunion est

Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.	time it is held regardless of the number of members present.	convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre des membres présents.
Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.	The Chief Executive Officer attends the meetings of the Board of Directors.	Le Directeur Général en Chef participe aux réunions du Conseil d'Administration.
Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RISA.	Rules and regulations of RISA determine the procedures for decision making by the Board of Directors.	Le règlement d'ordre intérieur de RISA détermine les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration.
<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person in the meetings of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration
Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.	The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.	Le Conseil d'Administration peut inviter à sa réunion toute personne compétente pouvant lui éclairer sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour.
Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.	The invitee is not allowed to vote and to follow debates on other items on the agenda.	La personne invitée n'est pas autorisée à voter ni à participer aux débats sur d'autres points inscrits à l'ordre du jour.
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyingiraho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera RISA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.	Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after the meeting, and its copy is submitted to the supervising authority of RISA within five (5) working days.	Les résolutions du Conseil d'Administration sont signées par les membres présents immédiatement après la séance et leur copie est transmise à l'organe de tutelle de RISA endéans cinq (5) jours ouvrables.
Umuyobozi w'urwego rureberera RISA atanga ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi	The head of the supervising authority of RISA gives his/ her opinion on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen	Le responsable de l'organe de tutelle de RISA donne son avis sur les résolutions du Conseil d'Administration dans un délai ne dépassant pas

n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivuzeho, imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.	(15) working days from its receipt. If this period expires before he/she gives his/her opinion, such resolutions are considered definitively approved.	quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées.
Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyingirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Urwego rureberera RISA mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.	The minutes of the meeting of the Board of Directors are jointly signed by the Chairperson and the rapporteur of the meeting and approved at the next meeting. A copy of the minutes of the meeting is submitted to the supervising authority of RISA within fifteen (15) days from their approval.	Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et le rapporteur et approuvé au cours de la session suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle de RISA endéans quinze (15) jours à compter de la date de son approbation.
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration
Umuyobozi Mukuru wa RISA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.	The Chief Executive Officer of RISA serves as rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he/she is not entitled to vote when making decisions.	Le Directeur Général en Chef de RISA est le rapporteur du Conseil d'Administration mais il ne dispose pas de voix délibérative.
Umuyobozi Mukuru wa RISA ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.	The Chief Executive Officer of RISA does not participate in the meetings that make decisions on matters that concern him/her personally.	Le Directeur Général en Chef de RISA ne participe pas aux réunions qui prennent les décisions sur des questions qui le concernent personnellement.
Icyo gihe abagize inama y'Inama y'Ubuyobozi bitaramo umwanditsi.	In that case, members of the Board of Directors elect a rapporteur from among themselves.	Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent un rapporteur parmi eux.
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in matters under consideration	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans des questions à l'examen
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite zitaziguye cyangwa ziziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze inama y'Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze	If a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in matters under consideration, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. The	Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans des questions sous l'examen, il doit immédiatement en informer le Conseil d'Administration et montrer où son intérêt

zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

member who declares an interest in the matter under consideration may not attend the meeting deliberating on the matter.

repose. Le membre qui déclare son intérêt dans une question sous l'examen ne peut pas participer à la réunion qui examine cette question.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bese mu bagize inama y'Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite zitaziguye cyangwa ziziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera RISA rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

If it appears that several or all of the members of the Board of Directors have direct or indirect interests in the matter under consideration in such a way that it is impossible to decide on the matter, the matter is submitted to the supervising authority of RISA to decide on the matter within thirty (30) days.

Lorsqu'il apparaît que plusieurs ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans une question à examiner de sorte que la prise de décisions sur cette question devienne impossible, cette question est soumise à l'organe de tutelle de RISA afin de décider sur l'affaire dans un délai de trente (30) jours.

Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Article 21: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Article 21: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'iteka rya Perezida.

A Presidential Order determines the sitting allowances for members of the Board of Directors.

Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa

Section 2: Executive Organ

Section 2: Organe Exécutif

Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA

Article 22: Members of the Executive Organ of RISA

Article 22: Membres de l'Organe Exécutif de RISA

Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'iteka rya Perezida. Rugizwe kandi n'abakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.

The Executive Organ of RISA is composed of Chief Executive Officer appointed by a Presidential Order. It also comprises other staff members recruited in accordance with relevant laws.

L'Organe Exécutif de RISA est composé d'un Directeur Général en Chef nommé par arrêté présidentiel. Il comprend également d'autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en la matière.

Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru Bungirije, rikanagena ububasha n'inshingano byabo.

A Presidential Order may also appoint a Deputy Chief Executive Officers and determine their powers and responsibilities.

Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux Adjoints et déterminer leurs pouvoirs et attributions.

Imikorere y’abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA igenwa n’iteka rya Minisitiri w’Intebe.	A Prime Minister’s Order determines the functioning of the Executive Organ of RISA.	Un arrêté du Premier Ministre détermine le fonctionnement de l’Organe Exécutif de RISA.
<u>Ingingo ya 23: Inshingano z’Urwego Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 23: Responsibilities of the Executive Organ</u>	<u>Article 23: Attributions de l’Organe Exécutif</u>
Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA rufite inshingano z’ingenzi zikurikira:	The Executive Organ of RISA has the following main responsibilities:	L’Organe Exécutif de RISA a les attributions principales suivantes:
1° gukurikirana no guhuza imirimo y’ibikorwa bya buri muni;	1° to follow-up on and coordinate daily activities;	1° assurer le suivi et coordonner les activités quotidiennes;
2° gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ijyanye n’inshingano za RISA.	2° to perform any other duty relevant to the missions of RISA as may be assigned by the Board of Directors.	2° exécuter toute autre tâche relevant de la mission de RISA que pourrait lui assignée le Conseil d’Administration.
<u>Ingingo ya 24: Ububasha n’inshingano by’Umuyobozi Mukuru wa RISA</u>	<u>Article 24: Powers and responsibilities of the Chief Executive Officer of RISA</u>	<u>Article 24: Pouvoirs et attributions du Directeur Général en Chef de RISA</u>
Umuyobozi Mukuru wa RISA afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y’abakozi n’umutungo bya RISA akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa.	The Chief Executive Officer of RISA has the power to make decisions on the management of staff and property of RISA in accordance with relevant laws. He/she also coordinates and manages activities.	Le Directeur Général en Chef de RISA a le pouvoir de prendre des décisions sur la gestion du personnel et du patrimoine de RISA conformément aux lois en la matière. Il coordonne et dirige également les activités.
Umuyobozi Mukuru wa RISA ashinzwe ibi bikurikira:	The Chief Executive Officer of RISA has the following responsibilities:	Le Directeur Général en Chef de RISA a les attributions suivantes:
1° gukurikirana imirimo ya buri muni ya RISA;	1° to follow-up on the daily activities of RISA;	1° assurer le suivi des activités quotidiennes de RISA;
2° guhagararira RISA imbere y’amategeko;	2° to serve as the legal representative of RISA;	2° être le représentant légal de RISA;
3° kuba umuvugizi wa RISA;	3° to serve as the spokesperson of RISA;	3° être le porte-parole de RISA;

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi ya RISA;	4° to implement the decisions of the Board of Directors of RISA;	4° mettre en œuvre les décisions du Conseil d’Administration de RISA;
5° gucunga abakozi, ibikoresho n’umutungo bya RISA no gutanga raporo yabyo ku rwego rw’Inama y’Ubuyobozi;	5° to manage the staff, equipment and property of RISA and submit a report thereon to the Board of Directors;	5° gérer le personnel, l’équipement et le patrimoine de RISA et en faire rapport au Conseil d’Administration;
6° gutegura gahunda y’ibikorwa na raporo y’ibikorwa byemezwa n’Inama y’Ubuyobozi ya RISA;	6° to prepare the action plan and activity report to be approved by the Board of Directors of RISA;	6° préparer le plan d’action et le rapport d’activités soumis à l’approbation du Conseil d’Administration de RISA;
7° gutegura umushinga w’amategeko ngengamikorere ya RISA yemezwa n’Inama y’Ubuyobozi ya RISA;	7° to prepare the draft of internal rules and regulations of of RISA to be approved by the Board of Directors of RISA;	7° initier le projet de règlement d’ordre intérieur de RISA soumis à l’approbation du Conseil d’Administration de RISA;
8° gutegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya RISA;	8° to prepare the draft budget proposal of RISA;	8° préparer l’avant-projet de budget de RISA
9° gushyira mu bikorwa ingengo y’imari ya RISA;	9° to execute the budget of RISA;	9° exécuter le budget de RISA;
10° kwitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo;	10° to attend the meetings of the Board of Directors and serve as its rapporteur;	10° participer aux réunions du Conseil d’Administration et en être le rapporteur;
11° gukora indi mirimo yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi, ijyanye n’inshingano za RISA.	11° to perform such other duties relevant to the mission of RISA as may be assigned by the Board of Directors.	11° exécuter toutes autres tâches relevant de la mission de RISA que pourrait lui assignée le Conseil d’Administration.
Inshingano z’abandi bakozi b’Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA zigenwa n’iteka rya Minisitiri w’Intebe	A Prime Minister’s Order determines responsibilities of other staff members of the Executive Organ of RISA.	Un arrêté du Premier Ministre détermine les attributions d’autres membres du personnel de RISA.

Ingingo ya 25: Sitati igenga abakozi ba RISA

Abakozi ba RISA bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 26: Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA

Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RISA biteganywa hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 27: Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za RISA

Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za RISA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 28: Umutungo wa RISA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RISA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.
Umutungo wa RISA ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

Article 25: Statutes governing staff of RISA

The staff of RISA are governed by the general statutes for public service.

Article 26: Salary and other fringe benefits for members of the Executive Organ of RISA

Salaries and other fringe benefits allocated to members of the Executive Organ of RISA are determined in accordance with laws governing public service.

Article 27: Structure and functioning of the organs of RISA

A Prime Minister's Order determines the structure and functioning of the organs of RISA.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 28: Property of RISA and its source

The property of RISA is comprised of movable and immovable property.
The property of RISA is derived from the following sources:

1° state budget allocations;

Article 25: Statut régissant le personnel de RISA

Le personnel de RISA est régi par le statut général de la fonction publique.

Article 26: Salaire et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de RISA

Les salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de RISA sont déterminés conformément aux lois régissant la fonction publique.

Article 27: Structure et fonctionnement des organes de RISA

Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure et le fonctionnement des organes de RISA.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 28: Patrimoine de RISA et sa source

Le patrimoine de RISA comprend les biens meubles et immeubles.
Le patrimoine de RISA provient des sources suivantes:

1° les dotations budgétaires de l'Etat;

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

3° ibituruka ku mirimo ikora;

4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;

5° inguzanyo zihabwa RISA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;

6° impano n'indagano.

2° state or partners' subsidies;

3° income from services rendered;

4° interests from its property;

5° loans granted to RISA and approved by the Minister in charge of finance;

6° donation and bequests.

2° les subventions de l'Etat ou des partenaires;

3° les revenus des services prestés;

4° les intérêts de son patrimoine;

5° les prêts accordés au RISA et approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;

6° les dons et legs.

Ingingo ya 29: Ingingo y'imari ya RISA

RISA itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 29: Budget of RISA

RISA prepares its annual budget to be approved by the competent authority and used in accordance with relevant laws.

Article 29: Budget de RISA

RISA prépare son budget annuel soumis à l'approbation de l'autorité compétente et géré conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 30: Imikoreshereze n'imigenzurire y'umutungo wa RISA

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa RISA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wayo.

Article 30: Use and audit of the property of RISA

The internal audit of RISA submits a report to the Board of Directors with a copy to the Chief Executive Officer of RISA.

Article 30: Utilisation et audit du patrimoine de RISA

Le service d'audit interne de RISA transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au Directeur Général en Chef de RISA.

Imikoreshereze y'umutungo wa RISA n'uburyo abakozi bayo bacungwa bigenzurwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The use of the property of RISA and management of its staff are audited in accordance with relevant laws.

L'utilisation du patrimoine de RISA et la gestion de son personnel font l'objet d'audit conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 31: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa RISA ashyikiriza urwego rureberera RISA raporo

Article 31: Annual financial statements

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Chief Executive Officer of RISA submits the annual financial statements to

Article 31: Rapport annuel des états financiers

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le Directeur Général en Chef de RISA soumet à l'organe de tutelle de RISA, le

y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

the supervising organ of RISA after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finances and property.

rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 32: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 32: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 32: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo 33: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 33: Repealing provision

Article 33: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 34: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 34: Commencement

Article 34: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **18/02/2017**

Kigali, on **18/02/2017**

Kigali, le **18/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux